# Ubusabe busabwe hagati y'umuhamagaro w'uko igihe cyo gusali kigeze (Adhana) n'uwo gukora iswalat (Iqamat) ntibusubizwa inyuma

Hadith yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ubusabe busabwe hagati y'umuhamagaro w'uko igihe cyo gusali kigeze (Adhana) n'uwo gukora iswalat (Iqamat) ntibusubizwa inyuma.
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhiy ndetse na A-Nasa'iy]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje agaciro k'ubusabe bwo hagati y'umuhamagaro w'uko igihe cyo gusali kigeze n'uwo gukora iswalat, inagaragaza ko budasubizwa inyuma kandi bwakirwa, bityo mujye musaba Allah muri icyo gihe.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5479